

REPUBULIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE

ICYEMEZO N° 04/2021/TGI/MUS GITEGEKA ABATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa 2021, Umunsi wa 21 w'Ukwezi kwa 12;

**Twebwe NSENGIYUMVA Félicien** , Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **MALAYIKA Marie Chantal** , Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona urubanza **RP 00816/2020/TGI/MUS**, Ubushinjacyaha buregamo **MUNYAZIKWIYE André** mwene RYAMUGEMA Mark na NURWAHA Soline utuye mu mudugudu wa Nyagasozi, akagali ka Joma, umurenge wa Rushashi, akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru, akaba ariho yari atuye, ntacyo atunze kizwi , akurikiranywe **yaratorotse ubutabera**;

Tumaze kubonako akurikiranyweho icyaha cyo Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 147 y'itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange;

**Tumaze** kubona ko uregwa yatorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'umwanzuro wo gutanga ikirego wakoze n'ubushinjacyaha ,

**Dushingiye** ku ngingo ya 160, iya 161 n'ya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha


**Dutegetse** ko **MUNYAZIKWIYE André** yitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa **08/02/2022**, atakwitaba hakemzwa ko yasuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa adahari;

**Dutegetse** ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri **web site** y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze., ku Karere ka Gakenke , no ku Murenge wa Rushashi .

**N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

**PEREZIDA**

**NSENGIYUMVA Félicien**



**UMWANDITSI**

**MALAYIKA Marie Chantal**